# *KRISTU ARAGARUTSE – ARIVUGIRA UKURI KWE*

## *Ijambo ry'ibanze, Iriburiro, Ibikubiyemo*

## *Ijambo ry'ibanze*

Mbere na mbere, ndashaka gusobanura impamvu nahisemo kwiyita « nyirikwandika » aho gukoresha izina ryanjye bwite. *Ibz/01.*

Ntabwo nigeze nshidikanya na gato, mu gihe nandikaga aya MABARUWA, ko yaturukaga kuri Kristu. Mu ncamake y'umwirondoro wanjye, natanze impamvu zituma mbyemera ntyo. *Ibz/02.*

Nandika aya MABARUWA, nabwiwe bidashidikanywa ko ntagomba kwigaragaza na gato, ko aya MABARUWA YA KRISTU agomba kwema ku bwayo. Rubanda bagomba kwiyemereza bo ubwabo niba aya mabaruwa avuga ukuri cyangwa niba bumva ari ibinyoma. Nari naranditse ibyo nari narahawe, nagombaga kugerageza kubitangaza kugira ngo rubanda bashobore kubisuzuma, hanyuma ibyajyaga gukurikiraho bikagomba kuba hagati y'umusomyi w'ayo MABARUWA n'Ibonunumva rya Kristu. *Ibz/03.*

Kristu yasezeranije mu MABARUWA ko amabaruwa azakora ikiraro hagati y'ubwenge bw'umusomyi n'ubwenge bwa Kristu, kandi ko hazatangwa ubufasha mu gusobanukirwa byimbitse icyihishe inyuma y'amagambo. *Ibz/04.*

Abantu benshi bavuze ko bagize uwo mubonano. Abantu benshi babonyebumva ubwiyongere bw'ubushishozi bwabo. *Ibz/05.*

Ni yo mpamvu, nk'uko izina ry'umwanditsi ritagira icyo rivuze mu mishyikirano, ni na ko izina ryanjye cyangwa umwirondoro wanjye nta kamaro. Icya ngombwa, ni ukumenya niba umusomyi ashobora kumva ko uyu ari Kristu nyirizina wazamutse mu rwego rw'ibonunumva ry'umwuka kugera aho akabakaba «amarembo nyirizina y'Uburinganire»[1], kandi akagumana ubujyewe kugira ngo akomeze kubana n'isi y'ubujyewe. *Ibz/06.*

Icya kabiri, havugwa ibintu bitandukanye ku myandikire y'inyuguti, rimwe na rimwe idasanzwe, muri aya MABARUWA. *Ibz/07.*

Ndagira ngo nsobanure ko igihe Kristu yinjizaga muri gatekerezi yanjye amagambo cyangwa amashusho, ibyo bigatuma ngomba gushyira mu magambo ibyo nabonaga, nanjye niyumvisemo gato amarangamutima nk'ayo Kristu yiyumvisemo igihe yabagaho ibyo ari kuvuga ubu ngubu. Akoresheje gusubira mu mivumero y'icyo gihe, Kristu yarayicengeraga akayohereza mu bwenge bwanjye. Ntibyashobokaga kwandika aya MABARUWA mu nyandiko isanzwe, cyangwa gukoresha gusa inyuguti ziberamye. Ni

[1] « the very portals of the Equilibrium » * (Nubona aka kanyenyeri, ujye ujya kureba igisobanuro mu **Rutonde** ruri ku mpera z'inyandiko).

kenshi, iyo ishusho nziza nshya yanyinjiraga mu bwenge, nibazaga nti: “Noneho ndabikika nte?” Muzumva icyo nshaka kuvuga uko muzagenda musoma AMABARUWA. *Ibz/08.*

Bityo, kugira ngo ngaragaze ko hari igitekerezo gikomeye giturutse mu bwenge bwa Kristu kikinjira mu bwenge bwanjye, nakoreshaga inyuguti ziberamye, izibyibushye n’inkuru. Abantu bakunze kwinubira iyo myandikire idasanzwe kuko ituma badasoma bihuta. Nyamara icyo ni cyo cyari kigamijwe. Aya Mabaruwa ntagenewe gusomwa. Agenewe KUZIRIKANWA. Ibi bivuze ko ugomba guhagarara ku magambo yanditse mu nyuguti zidasanzwe zihagarika umuvu w’amagambo, UGATEKEREZA icyo ayo magambo ashatse kukubwira. Mugomba kwibuka buri gihe ko iyo Kristu ashatse gushyikira ubwenge bwanyu bwa muntu, avuga ukuri kurenze kure ibyo mwahuye na byo mu buzima bwanyu kuri iyi si. Mugomba kugera mu rwego rw’ubuzirambibi kugira ngo mwumve ibyo mubwirwa. Nimumara igice cy’isaha muzirikana igika kimwe cyanditse ku buryo budasanzwe, icyo gice cy’isaha kizaba gikoreshejwe neza, niba imitekerereze yanyu igenda yaguka ikarenga ibyo mutekereza ubu. *Ibz/09.*

Mu mitekerereze yanyu, uko muzagenda mushyikira Ibonunumva rya Kristu musaba imurikirwa, muzarihabwa nta kabuza. Si ngombwa ko biba ako kanya, ariko yenda – waaa ! – igihe utazaba ubyiteze, ubone igisubizo cyirashe nk’umwambi mu bwenge bwawe, noneho UMENYE ko « YEGO, NI BYO, NI CYO GISUBIZO NYAKURI. » *Ibz/10.*

## *Iriburiro*

Kristu aravuga ati:

**«Nzanywe no gukosora imyumvire mibi y'inyigisho natanze, ubwo nari nzwi ku izina rya 'YEZU' muri Palestina, hashize imyaka ibihumbi bibiri.»** *Irb/01.*

Kristu arongera ati:

« Kubera ko abantu bagiye guhura n'amage arenze ibipimo azakwira isi yose, ni ngombwa ko, kugira ngo barokoke, **jyewe, Kristu,** nshobora kuvugisha abashobora kumva. Ibyo muzi ni bike cyane ku migendekere y'irema namwe mufitemo uruhare rukomeye cyane. Ni ngombwa ko mwumva neza iyo migendekere kugira ngo mushobore gushyira mu bikorwa intumbero yisumbuye, ku nyungu z'inyokomuntu». *Irb/02*

«Kubera ko bidashobokeye ibonunumva nya-roho[2] ryanjye kwigira umuntu kugira ngo nshobore kubavugisha imbona-nkubone, nashubije ubushyashya ubwenge bwumva kandi bwumvira, ngo bwakire Ukuri kwanjye kandi bugushyire mu magambo. Ni 'nyirikwandika' wanjye.» *Irb/03*

Nyirikwandika: Mbere yo gusoma **Amabaruwa ya Kristu**, ushobora gushaka kumenya ukuntu uwo mwitozo nya-roho w' ihererekanya ry'ibonunumva wagenze. *Irb/04*

Umurimo wo gutegurwa kuba uwanditsekazi wa Kristu watangiye hashize imyaka 40. Icyo gihe nk'umukristukazi w'umunyamurava, wari ufite ibibazo bikomeye mu mwuga wanjye w'ubuhinzibworozi, nasabye Kristu ngo amfashe, ntungurwa n'igisubizo gikakaye[3] kintera kongera gusuzuma no kugendera kure icyitwa ihame ry'idini iryo ari ryo ryose. Hakurikiyeho imurikirwa rinyinjiza mu kandi kazi, n'ibindi byo kwiga. Ni bwo nihangiye umurimo wo guhuza abantu unzanira icyashara. Mu myaka irindwi nagize ishya n'ihirwe. Nyuma yaho, kugira ngo ntere imbere mu myumvire y'umwuka, naciye mu bigeragezo by'ubuzima bihungabanyije cyane, nyuma y'umubabaro mwinshi, maze kubivanamo inyigisho zabyo, mbabara ariko nunguka, ndabirenga mu mwuka. *Irb/05*

Umugoroba umwe, mu gusubiza isengesho ryanjye nsaba kuyoborwa, ukuhaba kwa Kristu kumbera ukuri, ampa ikimenyetso simusiga ko ari we koko. Amvugisha isaha yose, yohereza imivumba y'Urukundo mpuzahose[4] mu mubiri wanjye, ansobanurira muri make ibyo nari ngiye kwigishwa n'ibyo nari kuzarangiza nkora. Hashize ibyumweru bibiri, yanyujije mu bunararibonye ndengakamere bw'ubumwe mbonunumva[5] n'Imana. Ni bwo nahindutse umuvuzi n'igikoresho cyo gukiza rimwe na rimwe indwara mu kanya gato. *Irb/06*

Hagati y'imyaka 1966-1978, mu bihe bikomeye by'ubuzima bwanjye, ku bibazo nari mfite, Kristu yanyigishije ku bigenga imitekerereze nya-roho-nya-siyansi, ubu yasobanuye mu **Mabaruwa** ye. Muri 1975, mu ijoro rimwe neretswe ibizaba hagati ya 1983 na 1994, kandi

[2] spiritual consciousness *

[3] forceful

[4] Cosmic love*

[5] Conscious *

byose byarabaye. Nasubiriwemo ko nzagira umurimo wo gukora mu bihe bizakurikiraho. *Irb/07*

Kera kabaye, maze guca mu ngorane nyinshi kandi zinyuranye zagendaga zoroherezwa n'umubano ukomeye mfitanye na Kristu, n'imyumvire yanjye yagendaga irushaho kwimbika, hamwe n'ubunarariboonye bwanjye bwite bw' "Igitera Byose Kubaho"[6] », nazanywe gutura aho ndi ubu. Aha mpatuye hashize imyaka 20, mu bwigunge bugenda burushaho kwiyongera, rimwe na rimwe mpura na Kristu bya hafi ku mugaragaro, ubundi ngatereranwa kugira ngo nshobore gukaza ukwemera no kwihangana mu gihe cy'umwuma mu byerekeye ubuzima bwa roho. Mu myaka ine ishize, narasukuwe mu mitekerereze no mu mutima, ngera ku ntego yanjye : amahoro y'umutima, n'ibyishimo bisesuye. *Irb/08*

**Kristu** yanyujije mu nzira y'ubunononsorwe bugenda bwiyongera ariko igaragara neza. Maze gutakaza "jye-babona", nsigaye noroshye mu biganza by'umubumbyi kandi mbasha kwakira, Ijwi ryatangiye kumbwira ibyo nandika, n'AMABARUWA atangira gufata iforoma. *Irb/09*

**Aya mabaruwa uko yakabaye ni umurimo wa Kristu**. Nta na kimwe, muri aya mabaruwa, gituruka mu bindi bitabo, n'ubwo, mu myaka ya vuba aha, abanditsi bamwe na bamwe bigaragara ko bavanye inganzo yabo ku gusakaza-nkana-Ukuri kwa Kristu. Abari mu mubano uzira amakaraza n'Ibonunumva Rye bose barahirwa cyane. Ndi « nyirikwandika » gusa, nta kindi kirenze aho. *Irb/10*

[6] First Cause *

## *Ibikubiyemo*

**Ibaruwa 1.** Kristu aravuga impamvu agarutse kwandikisha aya **Mabaruwa**. Avuga ko inyokomuntu yikururira ibyago yo ubwayo, binyuze mu bitekerezo no mu bikorwa. Asobanura impamvu ubutumwa bwe nyabwo ku isi butandukuwe neza. Avuga ko nta « cyaha gikorerwa Imana » kibaho, kandi ko « **Isoko yacu y'Ukuba** » abantu batayumva neza. Abara inkuru y'ibyumweru bitandatu yamaze mu butayu, akavuga ibyahabaye nyakuri ; ibyo yahigiye n'ukuntu ubumenyi bwamuhinduye, akava mu bwigomeke agahinduka Umwigisha n'Umukiza. *Ibk/01*

**Ibaruwa 2.** Akomeza amateka y'ubuzima bwe ku isi, igaruka rye kwa nyina i Nazareti n'uburyo yakiriwe ! Ikiza ry'umuntu bwa mbere mu ruhame, n'uko byakiriwe bitangaje. Ihitamo ry'abigishwa. Inyigisho ze nyazo. *Ibk/02*

**Ibaruwa 3.** Akomeza avuga ibyo yahuye na byo mu buzima bwe, inyigisho yatanze, n'uko yarazi ko igihe cye ku isi cyajyaga gucimburwa n'ibambwa. Ibyo yakoze byazamuye umujinya w'Abayobozi b'Idini b'Abayahudi. Uko byagenze n'ibyavuzwe nyabyo mu « Isangira rya Nyuma »[7], imyitwarire y'abigishwa, n'ukuri ku byerekeye « isubira rye mu ijuru ». *Ibk/03*

**Ibaruwa 4. Kristu** ahuriza hamwe ingingo z'inyigisho ze muri Palestina, akavuga ko we, Muhamadi, Budha n'abandi Bigisha bakomeje gukura bunyaroho[8] kugeza bazamutse bakagera mu **IBONUNUMVA RYA KRISTU.** Kristu avuga ukuri ku mibonano mpuzabitsina, akavuga ko imyifatire hagati y'umugabo n'umugore amaherezo izahinduka. Hazabaho iterambere nya-roho, maze havuke abana bafite ubushobozi nya-roho bushya. *Ibk/04*

**Amabaruwa 5 & 6**. **Kristu** atangira gusobanura imigendekere nyayo y'irema. Akomoza ku byo siyansi n'amahame nya-dini byemeye, akabihigika, agasobanura **UKURI kw'UKUBA**. Avuga ku byerekeye ukuri kwa jye-babona ya muntu, – igikoresho cy'ubu-giti nya-si kandi ngombwa kubera iyo mpamvu, ariko ikanaba n'isoko y'umubabaro wose. *Ibk/05*

**Ibaruwa 7. Kristu** avuga ukuri ku byerekeye imibonano mpuzabitsina – uko bigenda mu by'ukuri ku rwego rwa roho n'urw'umubiri; uko abana bavukira ku mbariro zinyuranye z'ibonunumva. Asobanura umwanya umugore n'umugabo bafite mu murongo isi igenderaho. *Ibk/06*

**Ibaruwa 8. Kristu** asobanura ireme ry'abagabo n'abagore, uko bikwiye kubaho mu **MATEGEKO y'IMIBEREHO,** umuntu akaza mu miterere y'ukuba inoze kandi yuzuye imigisha, hahandi buri kintu kironkwa umudendezo, ubuziramuze bugasubiranywa, ibyishimo bigahinduka imimerere isanzwe ya gatekerezi. Buri wese ashobora kugera kuri iyo mimerere y'imbere yuzuye umugisha, maze amahoro agahinduka akamenyero. *Ibk/07*

**Ibaruwa 9**. Kristu akusanya imyanzuro **y'Amabaruwa** ye yandi, akabwira abantu, ku buryo bwumvikana, uko barenga jye-babona, bagasubirana ijabo ryabo nyaryo, bakumva ibyishimo bituruka ku mahoro y'umutima yuzuye. Akomoza ku byerekeye irondakoko,

[7] Last supper
[8] Spiritually

akanatanga ubutumwa bwo gushyigikira n'urukundo abagana bose **AMABARUWA** ye. *Ibk/08*.

# URUTONDE RW'AMAGAMBO AMWE N'AMWE Y'INGENZI ASOBANUYE

* *Ibz/06* **KU MAREMBO NYIRIZINA Y'UBURINGANIRE** (The very portals of the Equilibrium/ Aux portails même de l'équilibre). Ijambo "Uburinganire/Equilibrium/Equilibre risobanura ubukumirane bw'Ubwenge n'Urukundo mu Mana, yitwa kubera icyo "Buzima Data-Mama", aho "Data" = Ubwenge; "Mama" = Urukundo. Ubu-giti (ubujyewe) ntibushobora kugera muri Data-Mama kuko buhinjiye bwahita **buringanizwa** n'Ubwenge-Rukundo bya Buzima Data Mama. Soma *Ibaruwa ya 5*.
* *Irb/03* **IBONUNUMVA NYA-ROHO** (spiritual consciousness/ conscience spirituelle) : mu mikoreshereze y'ururimi rw'ikinyarwanda muri aya Mabaruwa, mbanza "nya-" ikurikiwe n'ijambo irema ntera y'iryo jambo. Bityo Ibonunumva nya-roho ni Ibonunumva rirebana n'ibya roho.
* Irb/06 **URUKUNDO MPUZAHOSE** (cosmic love/amour cosmique) : urukundo rusumba izindi zose.
* *Irb/06* **MBONUNUMVA** (conscious/ conscient) : ntera ituruka ku ijambo "ibonunumva". Ubumwe mbonunumva n'Imana = kuba umwe n'Imana ubihagazeho.
* *Irb /08* **IGITERA BYOSE KUBAHO** (First Cause/ Cause Première) : Ikiri inyuma y'ibigaragara n'ibitagaragara/Nyirabayazana y'ibiriho byose. Iri ni irindi zina ry'Imana Amabaruwa ya Kristu ahitamo gukoresha ngo yagure imyumvire yacu y'Umuremyi.